No 220 Avrill-Mai2019

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## MU KWIBUKA ABANYAPOLITIKI BISHWE MURI JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994, IMITWE YA POLITIKI YASABWE GUKOMEZA GUTOZA URUBYIRUKO POLITIKI YUBAKA.



Hon. Bernard Makuza, Perezida wa Sena, ashyira indabo ku mva

*Tariki 13 Mata buri mwaka, ni umunsi hasozwa icyumweru cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994 mu Rwanda, umunsi uhuzwa no kwibuka abanyapolitiki bishwe bazira ibitekerezo byabo byo kurwanya Leta y'igitugu n'ivangura; uyu muhango ukaba ubera ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Rebero ruri mu Karere ka Kicukiro.*

Ubwo hasozwaga icyi cyumweru cyo kwibuka ku nshuro ya 25; uyu mwaka wa 2019, Perezida wa Sena, Hon. Bernard Makuza niwe wayoboye uyu muhango yunamira abanyapolitiki 12 bahashyinguye, n'abandi batutsi bazize Jenoside barenga 14000.

Abanyapolitiki bashyinguye mu Rwibutso rwa Rebero ni Faustin Rucogoza wari mu Ishyaka MDR; hari Landouard Ndasingwa, Charles Kayiranga, Aloys Niyoyita, Venantie Kabageni, Andre Kameya, Jean de la Croix Rutaremara na Augustin Rwayitare bari mu Ishyaka PL; hari Frederic Nzamurambaho, Felicien Ngango na Jean Pierre Mushimiyimana bari mu Ishyaka PSD. Hari kandi Joseph Kavaruganda wari Perezida w'Urukiko Rusesa Imanza n'Urukiko Rurinda Iremezo ry'Itegeko Nshinga.

Umuvugizi w'Ihuriro Hon. MUKABUNANI Christine yavuze ko aba banyapolitiki bibukwa uyu munsi ku nshuro ya 25 bishwe bazira ubutwari bwabo bwo kwanga ikibi, biyemeza kurwanya ingoma y'Igitugu, baharanira ko Igihugu kirangwa n'imiyoborere iboneye; imiyoborere iha agaciro Abanyarwanda bose nta vangura. Yibukije ko umugambi bari bafite utaboroheye kuko ubutegetsi bwariho bwari bufite imbaraga n'ibindi byangombwa byose byabufashije gushyira mu bikorwa umugambi wabwo wa Jenoside yakorewe Abatutsi; umugambi wateguwe igihe kirekire cyane.



Umuvugizi w'Ihuriro

Yavuze ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yahagaritswe n'abana b'Abanyarwanda b'intwari, bafashe icyemezo cyo guhaguruka bakarwanya ingoma yateguye ikanashyira mu bikorwa umugambi wa Jenoside yakorewe Abatutsi. Yashimiye Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki bagize uruhare rukomeye muri uru rugamba rwo kurwanya ingoma y'Igitugu no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi. Yibukije ko mu gukomeza kwibuka twiyubaka, Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki, muri iki gihe bafashe umurongo uboneye wo gukora politiki yubaka.

Yagize ati "Twiyemeje gukora Politiki ishyira imbere ubumwe bw'Abanyarwanda, tukajya inama kenshi, tugaharanira ubumwe bw'Igihugu n'ineza y'Abanyarwanda bose. Twiyemeje kubaka imiyoborere myiza, iharanira imibereho myiza n'iterambere ry'Abanyarwanda bose. Niyo mpamvu, mu Mitwe ya Politiki yacu twafashe icyemezo cyo kwitoza, twe abakuru, no gutoza urubyiruko rwacu politiki yubaka".

Yasoje yongera gusaba Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo kwirinda icyo ari cyo cyose cyaba intandaro y'amacakubiri; bakirinda kandi bakarwanya ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibifitanye isano nayo. Yabasabye kandi gufatanya kurwanya uwo ari we wese watekereza kugarura politiki isenya, yitwaje icyo ari cyo cyose.



Imiryango y'Abanyapolitiki ishyira indabo ku mva

## ABAGIZE KOMITE ZISHINZWE GUKUMIRA NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE MU MITWE YA POLITIKI BAGANIRIYE KU BYAVUGURUWE MU MATEGEKO AGENGA IMITWE YA POLITIKI N'ABANYAPOLITIKI



Abitabiriye amahugurwa

*Kuwa gatanu tariki ya 31 Gicurasi 2019 kuri Hotel Gorillas/Nyarutarama iri mu Karere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, habaye amahugurwa yari agenewe Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki iri mu Ihuriro, hamwe n'abafite mu nshingano ibijyanye n'amategeko mu Mitwe ya Politiki hagamijwe kurebera hamwe ibyavuguruwe mu mategeko agenga imitwe ya politiki.*

Afungura aya mahugurwa, Umuvugizi w'Ihuriro, Hon. MUKABUNANI Christine yavuze ko mu nshingano z'Ihuriro habamo no gutegura amahugurwa nyongerabushobozi agenewe abayoboke b'Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro kugira ngo barusheho kugira ubumenyi k'umwuga wa politiki biyemeje.

Avuga kandi ko, Ihuriro kimwe n'Imitwe ya Politiki irigize, bagendera ku mategeko anyuranye agenga umwuga wa politiki mu Rwanda. Muri yo, yavuze cyane cyane, Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, Itegeko Ngenga rigenga Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki, Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro, Indangamyitwarire y'Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro n'abayoboke bayo.

Avuga ko nyuma yo kuvugurura aya Mategeko, Ihuriro ryasanze ari ngombwa ko Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimibirane mu Mitwe ya Politiki iri mu Ihuriro, kimwe n'abafite mu nshingano ibijyanye n'amategeko mu Mitwe ya Politiki, bahuzwa bakaganirizwa ku ngingo z'ingenzi zavuguruwe, kugira ngo Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki zikomeze kurangiza neza inshingano zazo zishingiye ku mategeko agenga ubuzima bwa Politiki mu Gihugu.

Abitabiriye aya mahugurwa bunguranye ibitekerezo ku ngingo z'amategeko zavuguruwe mu Itegeko Ngenga n° 10/2013 OL ryo ku wa 11/7/2013 nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, ikiganiro cyayobowe na Dr. Usta KAYITESI, Umuyobozi Mukuru Wungirije w'Ikigo cy'Igihugu cy'Imiyoborere (RGB) afatanije na Hon. KAYIRANGA RWASA Alfred.

Bunguranye kandi ibitekerezo ku bikubiye mu Mategeko Ngengamikorere y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, yavuguruwe mu Ukuboza 2018, ikiganiro cyayobowe na Bwana BURASANZWE Oswald, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki.



Banungurana ibitekerezo ku bikubiye kandi mu Indangamyitwarire y'Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo, yavuguruwe muri Werurwe 2019, ikiganiro cyayobowe na Hon. NKUSI Juvenal, Perezida wa Komisiyo y'Ihuriro Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane.

## ABANYESHURI MURI ZA KAMINUZA ZITANDIKANYE KU ISI BASOBANURIWE URUHARE RW'IHURIRO MU KUBAKA U RWANDA NYUMA YA JENOSIDE

Mu rugendo shuri rwo gusura inzego zitandukanye mu Gihugu, abanyeshuri baturutse muri za Kaminuza zitandukanye ku isi zirimo izo muri Syria, Ubugereki, Singapure, Isiraheli, Leta Zunze Ubumwa z'Amerika, Uburundi n'Urwanda, binyuze mu ishami ryigisha Amategeko (School of Law) muri Kaminuza y'u Rwanda, basuye Ihuriro kuri uyu wa kane tariki ya 04/04/2019, basobanurirwa



*Abanyeshuri bakurikiye ibiganiro*

uruhare rwaryo mu kubaka u Rwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Bwana SINDAYIHEBA Fabien, Umuyobozi w'Ishami ry'Itumanaho n'Imirimo ya za Komisiyo mu Ihuriro wakiriye aba bashyitsi, yasobanuye uburyo Imitwe ya politiki yariho mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yagize uruhare mu gusenya Igihugu, aho gukora politiki iganisha ku mibereho myiza n'iterambere ry'umuturage; ikimakaza politiki y'ivangura n'amacakubiri yagejeje u Rwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi.



*Bwana SINDAYIHEBA Fabien*

Avuga ko nyuma yo guhagarika Jenoside yakorerwaga Abatutsi, Umutwe wa politiki wa RPF Inkotanyi wari utsinze urugamba, ufatanije n'indi Mitwe ya Politiki itaragize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi, hashyizweho politiki nziza yubaka, iharanira inyungu rusange.

Bwana Fabien yabwiye aba banyeshuri ko nyuma yo gutora Itegeko Nshinga ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, hashyizweho Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki anabasobanurira imikorere n'imikoranire yaryo n'Imitwe ya Politiki, inshingano zaryo n'ibyo rimaze kugeraho, ababwira kandi uburyo Imitwe ya Politiki iryinjiramo; aho rikura ingengo y'imari n'uburyo ikoreshwa, anababwira uruhare rwaryo mu gukemura impaka zivutse mu Mitwe ya Politiki cyangwa hagati y'Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro mu gihe babisabye.

Ku bijyanye n'uburyo Imitwe ya Politiki yinjira mu Ihuriro basobanuriwe ko kujya mu Ihuriro ari ubushake, Umutwe wa Politiki ushobora kurijyamo cyangwa nturijyemo. Naho ku bijyanye n'Uruhare rw'Ihuriro mu gukemura impaka, basobanuriwe ko Ihuriro rifite Komisiyo Mbonezabupfura no Gukemura Amakimbirane ikaba ifasha Imitwe ya Politiki gukumira no gukemura amakimbirane, binyuze cyane cyane muri gahunda zo kongerera ubushobozi za komite zo mu Mitwe ya Politiki zishinzwe gukumira, gusesengura no gukemura amakimbirane ya politiki .

Yababwiye kandi ko Ihuriro, rishobora gufasha Umutwe wa Politiki ubisabye, gukemura ibibazo uhuye nabyo mu buryo butanyuranyije n'amahame n'inshingano z'Ihuriro.

Avuga kuri gahunda z'amahugurwa Ihuriro ritegurira Imitwe ya Politiki, yababwiye ko Ihuriro rifite gahunda nyinshi zo kubaka ubushobozi bw'abayoboke b'Imitwe ya Politiki cyane cyane ryibanda ku rubyiruko n'abagore.

Yakomeje ababwira ko Ihuriro ritegura urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki kugira ngo ruzavemo abayobozi beza . Ibi bikaba bikorwa binyuze mu ishuri ryigisha urubyiruko ibya politiki n'ubuyobozi "Youth political Leadership Academy/YPLA". Abakurikira aya masomo akaba ari abagenwa n'Imitwe ya Politiki, batarengeje imyaka mirongo itatu (30) kandi biga cyangwa barangije amashuri makuru/Kaminuza.

Bwana Fabien SINDAYIHEBA avuga k'uruhare rw'Ihuriro mu bikorwa byo gukurikirana imigendekere y'amatora, yababwiye ko, kuva Ihuriro ryajyaho mu mwaka wa 2003, ryagiye rikurikirana imyiteguro y'amatora, amatora ny'iri zina n'uko abaturage bakira ibyayavuyemo.

Aha yababwiye ko Ihuriro rigena indorerezi ijana (100) zitangwa n'Imitwe ya Politiki igize Ihuriro zigahabwa ubutumwa n'Ihuriro bwo gukurikirana imigendekere y'amatora hakurikijwe Itegeko rigenga amatora, amabwiriza yashyizweho na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ndetse n'ayihariye atangwa n'Ihuriro arebana n'indorerezi ryohereza. Yasoje ababwira ko Ihuriro mu ntego zaryo nyamukuru ari uguteza imbere demokarasi ishingiye ku bwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu.



*Umwe mu banyeshuri abaza ikibazo*

Aba banyeshuri babajije inyungu za politiki Imitwe ya politiki ibonera mu kuba mu Ihuriro. Yababwiye ko, kuba mu Ihuriro, biyifasha kungurana ibitekerezo na bagenzi babo b'abanyapolitiki, bahabonera kandi amakuru anyuranye ku mitegekere y'Igihugu cyane cyane ku Mitwe ya politiki idafite abayihagarariye muri Guverinoma cyangwa mu Nteko Ishinga Amategeko n'ubwo muri iki gihe Imitwe ya Politiki yose ihagarariwe mu Nteko Ishinga Amategeko. Mu nama zinyuranye mu Ihuriro, ibitekerezo by'Imitwe ya Politiki bihabwa agaciro bigafasha mu gushyira mu bikorwa gahunda za Leta. Yababwiye ko, uretse kungurana ibitekerezo, Ihuriro ritera inkunga Imitwe ya Politiki mu gutegura amahugurwa ya politiki anyuranye, ari nayo ayifasha mu kugira abayoboke bafite ubumenyi buhagije muri politiki.

Iri tsinda, ryashimye intera u Rwanda rumaze kugeraho mu bwisanzure muri Demokarasi no guha urubuga Imitwe ya Politiki myinshi ikagira uruhare mu miyoborere y'Igihugu, bashima kandi uburyo Ihuriro rigira uruhare rugaragara mu kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki mu rwego rwo kuyifasha gukora politiki ishingiye ku bumenyi n'uruhare rwaryo mu kubaka Igihugu muri rusange.



*Ifoto y'urwibutso*